# IMPARIRWAMIHIGO ZA NYAMAGABE NEWSLETTER

KANAMA 2025

## UMUNYAMABANGA WA LETA MURI MININFRA YASUYE IBIKORWAREMEZO MU KARERE



SOMA PAJI YA 2

SOMA PAJI YA 9

## INAMA NJYANAMA Y'AKARERE YEMEJE GAHUNDA Y'ITERAMBERE RY'AKARERE RY'IMYAKA YA 2024-2029



SOMA PAJI YA 12

## GAHUNDA Y'INTORE MU BIRUHUKO YASOJWE MU KARERE, HASHIMWA UBUYOBOZI BUKURU BW'IGIHUGU BWAYITEKEREJEHO





SOMA PAJI YA 8

## TARE- LODA YAHATANGIRIJE UBUKANGURAMBAGA BUGAMIJE GUSHISHIKARIZA ABAGENERWABIKORWA BA VUP KWAKIRA UBUFASHA BAHABWA BAKORESHEJE IKORANABUHANGA

# UMUNYAMABANGA WA LETA MURI MININFRA YASUYE IBIKORWAREMEZO MU KARERE



***Ambasaderi UWIHANGANYE na Meya NIYOMWUNGERI ku kiraro cya Rukarara cyangiritse***

Ku wa 27 Kanama 2025, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI ari kumwe n'abagize Inama y'Umutekano Itaguye y'Akarere, yakiriye Ambasaderi Jean De Dieu UWIHANGANYE, Umunyamabanga wa Leta Ushinzwe Ibikorwaremezo muri Minisiteri y'Ibikorwaremezo (MININFRA) wasuye Akarere.

Ambasaderi UWIHANGANYE yasuye ikiraro cya Mwogo gihuza Akarere ka Nyamagabe n'aka Nyanza kigiye kuvugururwa mu rwego rwo kwirinda ko cyakongera kurengerwa n'amazi.

Yasuye kandi ikiraro cya Rukarara na cyo gihuza utu Turere cyangiritse mu rwego rwo kureba uko cyasanwa vuba ubuhahirane bugakomeza.

Hafashwe umwanzuro w'uko ibi biraro byombi bizatangira gusanwa mu Ukwakira 2025, bikazakorerwa rimwe no gutsindagira umuhanda Gasaka-Cyanika-Mbazi-Musange.

Uretse kuba iyo ibi biraro bidakora bihagarika ubuhahirane bw'Uturere twa Nyamagabe na Nyanza, binahagarika ubw'utu Turere n'aka Ruhango, aka Muhanga hamwe n'aka Karongi ko mu Ntara y'Uburengerazuba.



***Iyo imvura yaguye ari nyinshi, ikiraro cya Mwogo kirarengerwa bigahagarika ubuhahirane***

# UBUYOBOZI BW'AKARERE BWAGANIRIYE N'IHURIRO RY'ABAFATANYABIKORWA MU ITERAMBERE RY'AKARERE KU MIHIGO Y'UMWAKA WA 2025-2026



*Meya NIYOMWUNGERI yayoboye inama yibanze ku mihigo y'Akarere mu mwaka wa 2025-2026*

Kuva ku wa 04 kugeza ku wa 05 Kanama 2025, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI ari kumwe n'Abayobozi b'Akarere Bungirije, yayoboye inama yibanze ku itegurwa ry'imihigo y'Akarere y'umwaka w'ingengo y'imari wa 2025-2026.

Iyi nama yitabiriwe n'Abayobozi b'Amashami mu Karere, abagize Komite y'Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu Iterambere ry'Akarere (JADF Nyamagabe) hamwe n'Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge yose igize Akarere, yanarebeye hamwe uruhare rw'abafatanyabikorwa mu ishyirwa mu bikorwa ry'iyi mihigo.

Yarebeye hamwe kandi aho ibibazo bibangamiye imibereho y'abaturage (Human Security Issues) bigeze bikemuka n'uruhare rw'abafatanyabikorwa b'Akarere bakwiriye kugira mu kurandura burundu ibyo bibazo.

Ibikorwa biri mu mihigo y'Akarere mu mwaka wa 2025-2026 byiganjemo iby'iterambere nk'ibikorwaremezo birimo imihanda, imiyoboro y'amazi n'ibindi.



*Abitabiriye inama yibanze ku itegurwa ry'imihigo y'Akarere y'umwaka w'ingengo y'imari wa 2025-2026 bafashe ifoto y'urwibutso*

## UBUYOBOZI BW'AKARERE BWAGIRANYE IBIGANIRO N'UMUFATANYABIKORWA BRAC-UPGI KURI GAHUNDA YO KUVANA ABATURAGE MU BUKENE (GRADUATION)



***Meya NIYOMWUNGERI agaragariza abahagarariye BRAC-UPGI uko Akarere gateganya gukura abaturage mu bukene***

Ku wa 05 Kanama 2025, Umuyobozi w'Akarere, Bwana NIYOMWUNGERI n'Abayobozi b'Akarere Bungirije, bakiriye itsinda ryaturutse mu Mushinga BRAC-UPGI, bagirana ibiganiro byagarutse ku mirongo migari ya gahunda ya 'Nyamagabe Gira Wigire' igamije kuvana mu bukene abaturage b'Akarere.

Meya NIYOMWUNGERI yagaragarije uyu Mufatanyabikorwa ingamba zihari zo gufasha abaturage b'Akarere kwivana mu bukene ndetse n'amahirwe ahari.

Yavuze ko ikigomba kwitabwaho mu kuvana abaturage mu bukene kurusha ibindi ari ukubahindurira imyumvire.

Muri iyi nama kandi Umushinga BRAC-UPGI weretse Ubuyobozi bw'Akarere, abakozi batatu bawo bazakorera ku Biro by'Akarere mu rwego rwo gufasha Akarere mu kwihutisha ishyirwa mu bikorwa rya gahunda yo kuvana abaturage mu bukene (Graduation).

Meya NIYOMWUNGERI yasabye aba bakozi gukora cyane no guhanga udushya.

Yaragize ati: "Kugira ngo dufashe abaturage b'Akarere kacu kwivana mu bukene, murasabwa gukora cyane no guhanga udushya mu kazi kanyu. Murasabwa kujya mutanga amakuru yuzuye kuri gahunda ya 'Nyamagabe Gira Wigire' mu rwego rwo kugira ngo ishyirwa mu bikorwa ryayo rizagende neza".



***Abagize Komite Nyobozi y'Akarere mu gikorwa cyo kwakira itsinda ryaturutse muri BRAC-UPGI***



***BRAC-UPGI yahaye Akarere abakozi bazagafasha muri gahunda yo kuvana abaturage mu bukene (Graduation)***

## UMUYOBOZI W'AKARERE YAYOBOYE INTEKO Y'ABATURAGE MU MURENGE WA KITABI, ASABA ABATURAGE KUBAHIRIZA GAHUNDA YA 'TUNYWELESS'



*Meya NIYOMWUNGERI mu Nteko y'Abaturage muri Kitabi*

Ku wa 05 Kanama 2025, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yayoboye Inteko y'Abaturage mu Kagari ka Uwingugu, mu Murenge wa Kitabi, asaba abaturage kubahiriza gahunda ya 'Tunyweless'.

Biramenyerewe ko buri wa Kabiri, mu Tugari twose haterana Inteko z'Abaturage.

Inteko y'Abaturage ya mbere y'ukwezi kwa Kanama 2025, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yayiyoboye mu Kagari ka Uwingugu, kamwe mu tw'Umurenge wa Kitabi dukora kuri Pariki ya Nyungwe.

Meya NIYOMWUNGERI yasabye abaturage b'aka Kagari kubahiriza gahunda ya Leta ya Tunyweless mu rwego rwo kugira ngo babone umwanya wo gukora n'uwo kwita ku miryango yabo.

Yaragize ati: "Murasabwa kubahiriza gahunda ya Tunyweless, mugabanya amasaha mumara mu kabari mu rwego rwo kugira ngo mubone umwanya wo gukora n'uwo kwita ku miryango yanyu."

Yabasabye kandi kwirinda ubuharike n'ubushoreke kuko biri mu bisenya umuryango.

Yanabasabye kurinda no kubungabunga Pariki ya Nyungwe kuko ibafitiye akamaro, ikaba inagafitiye Igihugu muri rusange.

Muri iyi Nteko y'Abaturage, Umuyobozi w'Akarere afatanyije n'ubuyobozi bw'Umurenge yakiriye ibibazo by'abaturage mu buryo budasanzwe, aho abafite ibishingiye kuri serivisi banditswe, noneho ubuyobozi bw'Umurenge bufatanyije n'ubw'Akarere busigara bubikurikirana.



*Abaturage ba Uwingugu bitabiriye ku bwinshi Inteko y'Abaturage*



*Meya NIYOMWUNGERI yasabye abaturage ba Kitabi kubahiriza gahunda ya 'Tunyweless'*

# UMUYOBOZI W'AKARERE YASABYE BA RUSHINGWANGERERO BASHYA GUHANGA UDUSHYA



***Meya NIYOMWUNGERI aganiriza ba Rushingwangerero bashya***

Ku wa 08 Kanama 2025, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yagiranye ibiganiro n'Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Utugari (Rushingwangerero) bashya, abasaba guhanga udushya no guhora bihugura.

Ba Rushingwangerero bagiranye ibiganiro n'Umuyobozi w'Akarere, ni abataramara imyaka 2 bari mu nshingano.

Meya NIYOMWUNGERI yavuze ko ibi biganiro bigamije kubaha impamba nyongerabushobozi.

Nyuma yo gusangira ubunararibonye, Meya NIYOMWUNGERI yasabya aba Barushingwangerero guhanga udushya mu kazi kabo no guhora bihugura.

Yaragize ati: "Murasabwa guhanga udushya mu kazi kanyu. Murasabwa kandi guhora mwihugura kugira ngo murusheho guha umuturage serivisi nziza."

Ku wa 19 Kanama 2025, Meya NIYOMWUNGERI yongeye guhura n'aba Banyamabanga Nshingwabikorwa b'Utugari, abasa gufasha Abakuru b'Imidugudu kugera ku muturage.

Yaragize ati: "Mugomba gufasha Abakuru b'Imidugudu kugera ku muturage kandi mukabafasha gutanga serivisi nziza. Iyo umuturage umuhaye serivisi nziza akishima, akazi kawe kaba kagenze neza."

Ba Rushingwangerero beretswe uburyo bazajya batangamo raporo mu rwego rwo kugira ngo zihuzwe kandi zisesengurwe mu buryo bworoshye.

Basobanuriwe ko ubu buryo bugamije kubafasha kunoza akazi no gutuma ubuzima bw'abaturage buba bwiza kurushaho.

Meya NIYOMWUNGERI yasabye kandi ba Rushingwangerero gukomeza kurangwa n'ubwitange mu kazi no kwita ku gukemura ibibazo by'abaturage kandi bagakorana n'inzego zatowe cyane cyane Abakuru b'Imidugudu kugira ngo ibyo bibazo bibonerwe ibisubizo birambye.

Akarere ka Nyamagabe kagizwe n'Utugari 92. Benshi mu Banyamabanga Nshingwabikorwa batwo bakaba bamaze imyaka isaga ibiri  mu nshingano.



***Meya NIYOMWUNGERI yasabye ba Rushingwangerero bashya gufasha Abakuru b'Imidugudu kugera ku muturage***

# MU KARERE HATANGIJWE UKWEZI KWAHARIWE GUKEMURA IBIBAZO BY'ABATURAGE (GOVERNANCE MONTH)



***Meya NIYOMWUNGERI yatangirije Ukwezi kwahariwe gukemura ibibazo by'abaturage (Governance Month) mu Murenge wa Gasaka***

Ku wa 12 Kanama 2025, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yatangirije mu Murenge wa Gasaka, Ukwezi kwahariwe gukemura ibibazo by'abaturage (Governance Month) ku rwego rw'Akarere.

Kuri uyu munsi kandi gahunda y'Ukwezi kw'Imiyoborere yabaye no mu yindi Mirenge.

Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushizwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMANA yayiyoboye mu Murenge wa Mbazi, mu gihe Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere, Bwana SAMVURA Valens yayiyoboye mu Murenge wa Cyanika.

Muri gahunda y'Ukwezi kwahariwe gukemura ibibazo by'abaturage, harebwe uko ibibazo abaturage babajije inzego zitandukanye mu bihe byashize byagiye bikemuka.

Hakirirwa kandi ibibazo bishya, bimwe bihabwa umurongo ibindi bikomeza gukurikiranwa.

Ukwezi kwahariwe gukemura ibibazo by'abaturage, ni gahunda y'Intara y'Amajyepfo aho Ubuyobozi bw'Intara, ubw'Uturere n'Inzego bakorana basanga abaturage mu Tugari kugira ngo baganire nabo kuri gahunda za Leta zitandukanye banababakemurire ibibazo byabo.

Gutangiza gahunda y'Ukwezi kwahariwe gukemura ibibazo by'abaturage, byahujwe no gutangiza Icyumweru cyahariwe Irangamimerere (CRVS Week).

Meya NIYOMWUNGERI yasabye abaturage kwitabira gusaba serivisi z'irangamimerere kuko bifasha Igihugu mu igenamigambi, bikanarinda uwazihawe kutabura mu bitabo by'irangamimerere.



***Muri Governance Month abaturage babaza ibibazo bikanahabwa umurongo***



***Governance Month yahujwe na CRVS Week***

# TARE- LODA YAHATANGIRIJE UBUKANGURAMBAGA BUGAMIJE GUSHISHIKARIZA ABAGENERWABIKORWA BA VUP KWAKIRA UBUFASHA BAHABWA BAKORESHEJE IKORANABUHANGA



*Visi Meya UWAMARIYA mu bukangurambaga bwa VUP Digital Payment*

Ku wa 22 Kanama 2025, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA yatangirije mu Murenge wa Tare, ubukanguramba bugamije gushishikariza abagenerwabikorwa ba VUP kwakira ubufasha bahabwa bakoresheje ikoranabuhanga (VUP Digital Payment) bwateguwe n'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Guteza Imbere Ibikorwa by'Iterambere mu Nzego z'Ibanze (LODA).

Ubu bukangurambaga bwiswe "Telefoni Yanjye, Amafaranga Yanjye", bugamije gushishikariza abagenerwabikorwa ba VUP mu nkingi zayo zose guhuza konti zabo za SACCO na Simukadi zibaruye mu mazina yabo, hanyuma bakajya babona ubutumwa (Notification) igihe cyose hari igikorewe kuri konti zabo.

Atangiza ubu bukangurambaga, Visi Meya UWAMARIYA yabwiye abaturage b'Umurenge wa Tare by'umwihariko abagenerwabikorwa ba VUP ko ubu buryo bwo kwakira ubufasha bahabwa na VUP bakoresheje ikoranabuhanga (VUP Digital Payment) bworoshye kandi bwizewe.

Yaragize ati: "Ubu buryo bworoshye kandi burizewe. Buzabarinda ingendo n'umwanya mwakoreshaga mujya munava kuri SACCO. Umutekano w'amafaranga yanyu kandi urizewe kuko nta mpungenge zo kuyibwa cyangwa kuyata mukwiye kugira. Ikindi kandi nta mirongo muzongera gutonda kuri SACCO."

Ubu buryo kandi buzarushaho gufasha abari mu rugendo rwo gufashwa kwiteza imbere ku buryo burambye (Graduation), kuko umwanya wose batakazaga n'amatike bakoreshaga bajya cyangwa bava kuri SACCO, bazabikoresha mu bindi bikorwa bibabyarira inyungu.

Akarere ka Nyamagabe ni ko Karere konyine ko mu Ntara y'Amajyepfo, Imirenge SACCO yamaze guhurizwa hamwe hakorwa SACCO y'Akarere Nyuma y'uko Imirenge SACCO yose imaze gushyirwa mu ikoranabuhanga.



*Visi Meya UWAMARIYA yasabye abagenerwabikorwa ba VUP gukoresha uburyo bwa VUP Digital Payment kuko bwizewe kandi bubarinda gutakaza amafaranga mu ngendo*

## INAMA NJYANAMA Y'AKARERE YEMEJE GAHUNDA Y'ITERAMBERE RY'AKARERE RY'IMYAKA YA 2024-2029



*Inama Njyanama y'Akarere yemeje DDS ya 2024-2029*

Ku wa 26 Kanama 2025, Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere, Madame Clotilde UWAMAHORO yayoboye inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere yemeje gahunda y'iterambere ry'Akarere ryo kuva mu mwaka wa 2024 kugeza mu wa 2029 (DDS).

Muri iyi nama hagaragajwe imishinga migari Akarere gateganya muri iki gihe cy'imyaka 5 irimo iy'ibikorwaremezo nk'imihanda, imiyoboro y'amazi n'iy'amashanyarazi, amasoko n'ibindi.

Iyi nama kandi yunguranye ibitekerezo ku ishoramari Akarere gafite muri Southern Province Investment Corporation (SPIC) no muri Homogeneous Investment Group (HIG).

Inama yemeje ko Akarere gakura imigabane gafite muri izi Kompanyi zombi.

## AKARERE KASINYANYE NA PSF NYAMAGABE, AMASEZERANO Y'UBUFATANYE MU BIKORWA BY'ITERAMBERE

Ku wa 26 Kanama 2025, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yasinyanye amasezerano y'ubufatanye mu bikorwa by'iterambere n'Urugaga rw'Abikorera (PSF) mu Karere.

Uuru Rugaga rwari ruhagarariwe na Perezida warwo, Bwana KABANDANA Louis.

Ni amasezerano agamije gufatanya mu bikorwa bitandukanye bigamije guteza imbere abikorera ndetse n'iterambere ry'abaturage muri rusange.

Aya masezerano azamara imyaka 5 ishobora no kwiyongera.





*Umuyobozi w'Akarere, Bwana NIYOMWUNGERI, Perezida wa PSF, Bwana KABANDANA na Gitifu w'Akarere, Bwana Samvura nyuma yo gusinya amasezerano y'ubufatanye*

## ABA DASSO BASUYE URWIBUTSO RWA JENOSIDE RWA MURAMBI BANAREMERA ABACITSE KU ICUMU RYA JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU 1994 BATISHOBOYE



*Abakozi ba DASSO basuye Urwibutso rwa Jenoside rwa Murambi*

Ku wa 28 Kanama 2025, abakozi b'Urwego Rwunganira Akarere mu Gucunga Umutekano (DASSO) ku rwego rw'Akarere no ku rw'Imirenge basuye Urwibutso rwa Jenoside rwa Murambi.

Basobanuriwe amateka yagejeje Igihugu kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 by'umwihariko mu cyahoze ari Perefegitura ya Gikongoro.

Nyuma yo gusobanurirwa aya mateka, bunamiye abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 basaga ibihumbi 50 baruhukiye muri uru Rwibutso rwa Jenoside rwa Murambi.

Nyuma yo gusura Urwibutso rwa Jenoside rwa Murambi, abakozi b'Urwego Rwunganira Akarere mu Gucunga Umutekano (DASSO) mu Karere ka Nyamagabe bari kumwe n'Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI baremeye abacitse ku icumu rya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 batishoboye 2 aho buri wese bamuhaye inka iri no mu bwishingizi bw'amatungo.



*Meya NIYOMWUNGERI N'abakozi ba DASSO mu gikorwa cyo kuremera Abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi batishoboye*



*Abakozi ba DASSO basobanuriwe amateka yagejeje u Rwanda kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994*



*Inka abakozi ba DASSO batanze ziri mu bwishingizi bw'amatungo*

# INTEKO RUSANGE Y'ABAGORE YASABYE BA MUTIMAWURUGO KUGIRA URUHARE MU KUBAKA UMURYANGO USHOBOYE KANDI UTEKANYE



***Visi Meya UWAMARIYA mu Nteko Rusange y'Inama y'Igihugu y'Abagore mu Karere***

Umuyobozi w' Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA yitabiriye Inteko Rusange y'Inama y'Igihugu y'Abagore mu Karere, asaba ba Mutimawurugo kugira uruhare mu kubaka umuryango ushoboye kandi utekanye.

Ku wa 28 Kanama 2025, ni bwo iyi Nteko Rusange y'Inama y'Igihugu y'Abagore mu Karere ka Nyamagabe yabaye.

Ubwo yayitangizaga, yasabye ba Mutimawurugo bayitabiriye kugira uruhare mu kubaka umuryango ushoboye kandi utekanye.

Yaragize ati: "Murasabwa kwirinda no kurwanya amakimbirane mu miryango hagamijwe kubaka umuryango ushoboye kandi utekanye, uzira igwingira, guta ishuri n'ubuzererezi".

Muri iyi Nteko Rusange, hanasinywe imihigo ya Mutimawurugo y'umwaka wa 2025-2026.



***Visi Meya UWAMARIYA yasabye ba Mutimawurugo kubaka umuryango ushoboye kandi utekanye***



***Ba Mutimawurugo bari baturutse mu Mirenge yose igize Akarere bari babukereye***

# GAHUNDA Y'INTORE MU BIRUHUKO YASOJWE MU KARERE, HASHIMWA UBUYOBOZI BUKURU BW'IGIHUGU BWAYITEKEREJEHO



***Visi Meya HABIMANA asoza 'Gahunda y'Intore mu Biruhuko'***

Ku wa 29 Kanama 2025, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMANA yasoreje mu Murenge wa Buruhukiro, 'Gahunda y'Intore mu Biruhuko' yari ifite insanganyamatsiko igira iti: "Ubuzima Bwiza, Agaciro Kanjye", ashimira Ubuyobozi Bukuru bw'Igihugu bwayitekerejeho.

Visi Meya HABIMANA yashimiye Ubuyobozi Bukuru bw'Igihugu bwayishyizeho iyi gahunda.

Yaragize ati: "Turashimira Ubuyobozi Bukuru bw'Igihugu burangajwe imbere na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika Paul KAGAME bwatekereje iyi Gahunda. Mwebwe bana namwe rubyiruko mwayitabiriye, yabafashije kubona inyigisho zitagarukira ku zo muhabwa mu ishuri gusa. Iyi Gahunda yatumye mutajya mu bibarangaza kandi bibangiriza ubuzima nk'ibiyobyabwenge, inzoga n'ibindi. Inyigisho mwayivomyemo ntimuzazipfushe ubusa ahubwo muzazibyaze umusaruro kuko zizabafasha no mu bihe biri imbere."

Visi Meya HABIMANA yashimiye ababyeyi bemeye kohereza abana babo muri iyi Gahunda kandi nabo bari babakeneye kugira ngo babafashe mu mirimo yo mu rugo.

Muri 'Gahunda y'Intore mu Biruhuko', abana n'urubyiruko bibukijwe kugira isuku: ku mubiri, ku myambaro, mu ngo iwabo, ku ishuri n'ahandi.

Batojwe kandi gukunda umurimo, kugira imyitwarire myiza, bigishwa ibiranga umuco w'u Rwanda.

Bahawe kandi umwanya berekana impano zabo, bakina imikino inyuranye n'ibindi.

Ku wa 23 Nyakanga 2025, ni bwo 'Gahunda y'Intore mu Biruhuko' yatangijwe mu Karere.



***Visi Meya HABIMANA yashimiye Ubuyobozi Bukuru bw'Igihugu bwashyizeho 'Gahunda y'Intore mu Biruhuko'***



***Bamwe mu bana bitabiriye 'Gahunda y'Intore mu Biruhuko' muri Buruhukiro***

**This Newsletter was produced**

**by**

**Callixte NDAGIJIMANA**

**Public Relations, Media and Communication Officer**

**Contacts:**

**Email: pro@nyamagabe.gov.rw**

**Phone: +250783353060**